La première catégorie est constituée des institutions de micro finance informelles. Les institutions de micro finance informelles sont celles qui sont constituées sous forme de tontines sous toutes leurs variantes et qui n'opèrent que sur base des cotisations qui leur sont versées par leurs membres. Elles ne requièrent aucune forme juridique ni agrément de la Banque Centrale pour l'exercice de leur activité. Toutefois, les membres doivent adopter un règlement d'ordre intérieur.

**Uko biri kose**, ikigo cy'imari iciriritse kitagombera kwemererwa kigira inshingano zikurikira:

In any case, informal micro finance institution shall have the following obligations:

Dans tous les cas, l'institution de micro finance informelle a l'obligation de :

1. kwiyangirira ku rwego rw'Akagari no kuhatanga listi y'abakigize;
2. kugaragariza ubuyobozi amasezerano abanyamuryango bagiranye n'ibigenda biyahindukamo;
3. kwerekana mu nyandiko, uburyo gikorana

1. register and submit the list of its members at the level of the cell;
2. file with the administrative entity the agreement between members and any amendments made thereto;
3. describe in writing, the methodological

1. procéder à son enregistrement au niveau de la cellule et d'y déposer la liste de ses membres ;
2. présenter à l'entité administrative une convention entre membres et toute modification ultérieure y relative;
3. décrire dans un document, l'approche



n'abakigize n'umubare w'amafaranga ahari;

approach for intervention with its members and the amount of funds available;

méthodologique d'intervention auprès de ses membres et les sommes mises en jeu;

4. kwakira imisanzu ikomoka mu bakigize no kubaha inguzanyo, zitarenga imisanzu cyakiriye.

4. receive contributions from its members and to provide them with loans which do not exceed the contributions received.

4. collecter les contributions des membres et leur octroyer des crédits dont le volume ne dépasse pas celui des contributions.

#### **Ingingo ya 5 : icyiciro cya kabiri cy'inzezo z'imari iciriritse**

#### **Article 5: Second category of micro finance institutions**

#### **Article 5 : Deuxième catégorie des institutions de micro finance**

Icyiciro cya kabiri kigizwe n'ibigo by'imari iciriritse bigengwa n'amategeko agenga koperative yo kuzigama no gutanga inguzanyo. Umubare w'amafaranga yakirwa uba uri hasi y'umubare ntarengwa ugenwa na Banki Nkuru ikoresheje amabwiriza nyunganirategako.

The second category shall be constituted of micro finance institutions having the legal status of savings and credit cooperatives. The deposit received is less than the threshold set by Central Bank regulations.

La deuxième catégorie est constituée des institutions de micro finance ayant la forme juridique d'une coopérative d'épargne et de crédit dont la valeur des dépôts collectés est inférieure à un seuil fixé par règlement de la Banque Centrale.

Banki Nkuru ikoresheje amabwiriza nyunganirategako ishyiraho amabwiriza yihariye yubahirizwa n'ibigo byo muri icyi cyiciro. Ibyo bigo ntibishobora kugira aho bikorera harenze hamwe.

The Central Bank shall define by regulation a specific regime of prudential norms with alleviating provisions applicable to this category. These institutions shall not have more than one point of operation.

La Banque Centrale précise par voie de règlement, un régime spécial allégé des normes prudentielles applicables à cette catégorie. Ces institutions ne peuvent avoir plus d'un point de service.

#### **Ingingo ya 6: icyiciro cya gatatu cy'inzezo z'imari iciriritse**

#### **Article 6: Third category of micro finance institutions**

#### **Article 6 : Troisième catégorie des institutions de micro finance**

Icyiciro cya gatatu kigizwe n'ibigo by'imari iciriritse byakira amafaranga ya rubanda, byahisemo kuba sosiyete y'abantu batanzwi. Kigizwe kandi na koperative yo kuzigama no gutanga inguzanyo ku rwego rwo hejuru ku buryo umubare w'amafaranga yakirwa n'iyi koperative ungana cyangwa uri hejuru y'umubare ntarengwa ugenwa na Banki Nkuru. Iki cyiciro kigomba kubahiriza ibisabwa gukurikizwa mu icungwa

The third category shall be constituted of micro finance institutions which receive deposits from the members of the public who agree to operate as a limited corporation. It shall also be constituted of high level saving and credit cooperatives such that the deposit received by the cooperative is equal to or above the threshold of the Central Bank. This category is obliged to respect resource management requirements as required by this Law.

La troisième catégorie est constituée des institutions de micro finance collectant les dépôts du public, ayant adopté la forme juridique de société anonyme. Elle est également constituée des coopératives d'épargne et de crédit de niveau supérieur dont le volume de dépôts collecté par cette dernière atteint ou dépasse le seuil fixé par la Banque Centrale. Cette catégorie est tenue de respecter toutes les règles de gestion et les normes prudentielles définies par la

ry'umutungo n'iri tegeko.

**Ingingo ya 7: icyiciro cya kane cy'inzeho z'imari iciriritse**

Icyiciro cya kane kigizwe n'ibigo by'imari bitakira amafaranga ya rubanda. Banki Nkuru ikoresheje amabwiriza-nyunganirategako itanga ibipimo byihariye byubahirizwa muri icyi cyiciro. Ibigo biri muri iki cyiciro bishobora gukora nka sosiyete ishingiyeye ku migabane y'abatanziranye cyangwa sosiyete ifite uburozwe buhinnye.

**ICYICIRO CYA II: KWEMERERWA GUKORA**

**Akiciro ka mbere: Gukora imirimo y'imari iciriritse**

**Ingingo ya 8 : Ubwoko bw'ibigo by'imari iciriritse**

Ibigo by'imari iciriritse byemererwa gushingwa gusa mu bwoko bwa sosiyete y'abantu bataziranye, ubw'isosiyete y'ubwishingizi buhinnye cyangwa ubwa koperative yo kuzigama no gutanga inguzanyo. Ibigo gishinzwe mu bwoko bw'isosiyete y'ubwishingizi buhinnye ntiyemerewe kwakira amafaranga ya rubanda.

**Ingingo ya 9 : Gusaba kwemererwa**

Kwemererwa kw'ibigo by'imari iciriritse bisabwa Banki Nkuru. Ibigeze inyandiko zo kwemererwa

présente loi.

**Article 7: Fourth category of micro finance institutions**

The fourth category shall be constituted of micro finance institutions that do not accept deposits from the public. The Central Bank shall define by regulation a specific regime of prudential norms with alleviating provisions applicable to this category. The institutions in this category may operate as a limited company or as a limited liability company.

**SECTION II: LICENSING**

**Sub section One: Operating micro finance activities**

**Article 8: Legal status of micro finance institutions**

Licensed micro finance institutions may only be constituted in the form of a corporation, limited liability corporation or savings and credit cooperative. An institution constituted as a limited liability corporation shall not be authorized to collect deposits from the public.

**Article 9: Application for licensing**

Applications for the licensing of a micro finance institution shall be submitted to the Central Bank.

**Article 7: Quatrième catégorie des institutions de micro finance**

La quatrième catégorie est constituée des institutions de micro finance qui ne collectent pas les dépôts du public. La Banque Centrale précise par voie de règlement, un régime spécial allégé des normes prudentielles applicable à cette catégorie. Les institutions rentrant dans cette catégorie peuvent fonctionner comme les sociétés anonymes ou sociétés à responsabilité limitée.

**SECTION 2 : AGREMENT**

**Sous section première : Exercice de l'activité de micro finance**

**Article 8 : Forme juridique des institutions de micro finance**

Les institutions de micro finance agréées ne peuvent être constituées que sous forme de société anonyme, société à responsabilité limitée ou société coopérative d'épargne et de crédit. L'institution constituée sous forme de société à responsabilité limitée n'est pas autorisée à collecter les dépôts du public.

**Article 9 : Demande d'agrément**

La demande d'agrément des institutions de micro finance est adressée à la Banque Centrale. Le

kimwe n'ibikorikizwa bisobanurwa mu mabwiriza nyunganirategako ya Banki Nkuru.

The contents of the application for licensing and the requirements shall be specified in regulations of the Central Bank.

contenu du dossier de demande d'agrément ainsi que les procédures à suivre sont précisés par règlement de la Banque Centrale.

Nta kigo cy'imari iciriritse cyo mu cyiciro cya gatatu n'icya kane gishobora kwemererwa igihe cyose imari shingiro yacyo yatanze n'abasaba kwemererwa itashyirwa yose kuri konti idakorwaho muri Banki Nkuru. Amafaranga agomba kuba angana cyangwa aruta imari shingiro igenwa mu mabwiriza nyunganirategako ya Banki Nkuru. Ayo mafaranga atangira gukoresha nyuma yo kwemererwa.

No licensing of a micro finance institution of a third and fourth category shall be granted until its equity capital is paid by the applicants at a blocked account in the Central Bank. The amount shall be equal to or exceeding the capital determined by regulations of the Central Bank. The amount shall be used subsequent to licence.

Aucun agrément ne sera accordé à une institution de micro finance de troisième et quatrième catégorie tant que le montant du capital libéré par les requérants, qui doit être égal ou supérieur au capital fixé par règlement de la Banque Centrale, n'est pas entièrement versé dans un compte bloqué auprès de la Banque Centrale. Ce montant est rendu disponible après agrément.

**Ingingo ya 10:** Kuva mu cyiciro cya kabiri ujya mu cya gatatu kw'ibigo by'urwego rw'imari iciriritse

**Article 10:** Transfer of a micro finance Institution from second to third category

**Article 10:** Passage d'une institution de micro-finance de la deuxième à la troisième catégorie

Iyo umubare w'amafaranga wakirwa n'ikigo cy'imari iciriritse cyo mu cyiciro cya kabiri ugeze cyangwa urenze umubare ntarengwa ugenwa na Banki Nkuru, gihita cyinjira mu cyiciro cya gatatu kandi agomba kongera imari shingiro kubera icyo mpamvu, imari shingiro yacyo igomba kuba ingana cyangwa irenze umubare ugenwa mu mabwiriza nyunganira tegeko ya Banki Nkuru.

When deposits received by a second category micro finance institution equals or exceeds the threshold set by the Central Bank, it shall automatically fall under the third category and shall increase its capital for that reason, its capital shall be equal to or exceeding the amount specified by the Central Bank regulations.

Lorsque le volume des dépôts collecté par une institution de micro finance de deuxième catégorie atteint ou dépasse le seuil fixé par la Banque Centrale, elle tombe d'office sous le régime de la troisième catégorie et doit augmenter son capital à cet effet, qui doit être égal ou supérieur à un seuil fixé par règlement de la Banque Centrale.

Icyo kigo kigomba guhita kibimenyesha Banki Nkuru kugira ngo gihindurirwe ubwoko bw'icyemezo cyo kwemererwa.

The institution shall immediately notify the Central Bank in order to proceed with modification of its licencing certificate.

Elle doit saisir immédiatement la Banque Centrale pour procéder à la modification du certificat d'agrément.

**Ingingo ya 11:** Iyigwa ry'ibitangwa mu gusaba kwemererwa

**Article 11:** Examination of licensing applications

**Article 11:** Étude du dossier de demande d'agrément

Uburyo bwo gusaba kwemererwa kw'ikigo cy'imari

Any application to license a micro finance institution

Les modalités de demande d'agrément sont

iciriritse butangirwa amafanga agenwa n'amabwiriza nyunganirategoko ya Banki Nkuru.

shall be subject to payment of a fee set by the central bank regulations.

Mu byumweru bibiri (2) nyuma yo gusabwa kwemererwa, Banki Nkuru yandikira abashinze ikigo cyangwa ababahagarariye:

La Banque Centrale saisit, dans un délai de deux (2) semaines après dépôt de la demande, les promoteurs ou leur représentant soit:

1. ibamenyesha ko ibisabwa byuzuye bikaba birimo gusuzumwa;
2. ibasaba kuzuza cyangwa gusimbura ibya ngombwa bigaragara ko binyuranye n'ibyo isaba;
3. Banki Nkuru ishobora gusaba ibisobanuro bindi isanga ari ngombwa byerekeranye n'abafashe imigabane n'igihe bibaye ngombwa ku bishingizi babo no ku bantu bazashingwa imiyobore y'ikigo cy'imari iciriritse kugira ngo irebe neza ko ibikurikira bitunganye:
  - a. kuba aho imari ikomoka hemewe n'amategeko;
  - b. kuba abazayobora n'abazagicingira umutungo bafite ubushobozi n'ubunyanga mugayo.

1. the application file is complete and under examination;
2. the application be completed or that documents submitted do not comply with requirements;
3. The Central Bank may request for any additional information that it considers necessary regarding the shareholders, and where applicable, their guarantors and other persons who may act as administrators of the micro finance institution in order to ensure the respect of the points below:
  - a. proper origin of the funds;
  - b. the trustworthiness and competence of future administrators, directors or managers.

**Ingingo ya 12 : Igihe cyo gusubiza usaba kwemererwa**

Mu gihe kitarenze amezi atatu (3) nyuma yo kuzuza ibyangombwa bisabwa n'iri tegeko, Banki Nkuru ifata icyemezo kuri iryo sabwa ikakimenyesha abashinze ikigo cyangwa ababahagarariye.

**Article 12: License application processing time**

In a period not exceeding three (3) months after fulfilling the conditions required by this Law, the Central Bank shall issue a decision concerning the application and shall notify the promoters or their representatives.

**Article 12 : Délai de réponse à une demande d'agrément**

Dans un délai n'excédant pas trois (3) mois après le dépôt d'un dossier conforme aux exigences de la présente loi, la Banque Centrale se prononce sur la demande d'agrément et notifie sa décision aux promoteurs ou à leurs représentants.

Icyemezo cyo kwemererwa cyerekana icyiciro, inyito

L'acte d'agrément précise la catégorisation de



n'ubwoko bw'imirimimo by'ikigo cy'imari iciriritse.

name and the type of activities of the micro finance institution.

l'institution de micro finance, l'appellation ainsi que les conditions particulières d'exercice des activités de l'institution de micro finance.

**Ingingo ya 13: Kwemererwa ihindura ry'imirimimo**

**Article 13: Acceptance to alteration of the activities**

**Article 13: Changement des conditions initiales d'agrément**

Guhindura imirimimo yari yemewe mu cyemezo cyemerera Ikigo cy'imari iciriritse bibanza gusabirwa uruhushya Banki Nkuru.

Altering the activities accepted on micro finance institution licence shall be subject to prior authorization by the Central Bank.

Est soumis à l'autorisation préalable de la Banque Centrale, tout projet de modification des données fournies lors de la demande d'agrément.

**Ingingo ya 14: Ifungurwa n'ifungwa ry'ikigo-ngereka, ishami, cyangwa biro**

**Article 14: Opening and closing of branch office, agency or bureau**

**Article 14: Ouverture et fermeture de succursale, agence ou bureau**

Kugira ngo ikigo cy'imari iciriritse kiri mu cyiciro cya gatau n'icya kane, gishyireho ikigo-ngereka, ishami cyangwa ibiro kibanza kubyemererwa na Banki Nkuru.

In order for a third and fourth category micro finance institution to establish a branch office, agency or offices, it shall seek prior authorization from the Central Bank.

Les institutions de micro finance de la troisième et quatrième catégorie peuvent, sur autorisation préalable de la Banque Centrale, établir des succursales, agences ou bureaux sur le territoire national pour y exercer des activités de micro finance.

Ibyangombwa n'inyandiko byo gusaba gufungura cyangwa gufunga ikigo-ngereka, ishami cyangwa biro bisobanurwa mu mabwiriza nyunguranira-tegeko ya Banki Nkuru.

Requirements and the application for opening or closing a branch office, agency or bureau shall be specified by Central Bank regulations.

Les pièces et documents pour la demande d'ouverture et de fermeture d'une succursale, agence ou bureau sont précisés par règlement de la Banque Centrale.

**Akiciro ka 2: Ibikorwa bibujijwe**

**Sub Section 2: Prohibited operations**

**Sous-section 2 : Opérations interdites**

**Ingingo ya 15: Kudakora umurimo w'imari iciriritse utaremererwa**

**Article 15: Prohibition on exercising micro finance activities without licensing**

**Article 15: Interdiction d'exercer l'activité de micro finance sans agrément**

Uretse ibiteganywa muri iri tegeko, ntawe ushobora gukora imirimimo y'imari iciriritse atabanje kubyemererwa na Banki Nkuru.

With exception to the provisions of this Law, no person shall operate micro finance activities without prior authorisation of the Central Bank.

Sous réserve des dispositions de la présente loi, nul ne peut exercer une activité de micro finance sans avoir été préalablement agréé à cet effet par la Banque Centrale.

**Ingingo ya 16 : Kudakoresha amagambo runaka utaremererwa**

Usibye ibigo by'imari iciriritse byo mu cyiciro cya mbere, ntawe ushobora gukoresha amagambo "ikigo cy'imari iciriritse", "inguzanyo iciriritse", "koperative yo kuzigama no gutanga inguzanyo" cyangwa andi magambo asa nk'ayo, uruvange rw'amagambo ari muri ayo ngayo cyangwa ahinduwe mu zindi ndimi bikoreshejwe mu izina rye cyangwa izina ry'ubucuruzi cyangwa mu bifitanye isano n'imirimo ye atabanje kubyemererwa na Banki Nkuru.

**ICYICIRO CYA III: IBIKORWA N'IMIRIMO BY'IMARI ICIRIRITSE**

**Ingingo ya 17 : Kwakira amafaranga abitswa**

Bitarengereye ibiteganywa n'iri tegeko, ibigo by'imari iciriritse byemerewe gukora imirimo yo kwakira amafaranga cyangwa gutanga inguzanyo.

Kwakira amafaranga abitswa, byumvikana nko kwakira amafaranga yandi atari ay'imigabane n'imisanzu cyangwa indi nkunga igomba gutangwa ikigo gihabwa n'abakigize cyangwa n'abakiriya ku buryo bw'impapuro zivunjwa amafaranga cyangwa butari ubwo, ikigo kikaba gifite uburenganzira bwo kuyakoresha mu rwego rw'imirimo yacyo, kandi kigomba kuzayasubiza igihe kiyasabwe n'abakigize cyangwa abakiriya bacyo.

**Article 16: Non use of certain terms before licensing**

With the exception of first category micro finance institutions, no person shall use the expressions "micro finance institution", "micro credit", "savings and credit cooperative", or any similar expressions, any of the terms in this expression or their translation used in its name or its corporate name or in matters related to its activities without authorisation by the Central Bank.

**SECTION III: MICRO FINANCE OPERATIONS AND SERVICES**

**Article 17: Receiving deposits**

Without prejudice to provisions of this Law, micro finance institutions are authorized to exercise activities related to receiving of deposits or granting of loans.

Receiving deposits shall be understood as receiving funds other than membership shares and contributions or any other funds given to the institution from its members or clients with treasury bills, or else the institution may have the right to dispose of such funds in its activities and the burden to return them upon request from the members or clients.

**Article 16: Interdiction d'utiliser certains termes sans agrément**

Excepté les institutions de micro finance de la première catégorie, nul ne peut utiliser les expressions « institution de micro finance », « micro crédit », « coopérative d'épargne et de crédit » ou une autre expression similaire, une combinaison des termes compris dans cette expression ou une traduction de ces expressions dans son nom ou sa raison sociale ou en relation avec ses activités sans agrément ou autorisation préalable de la Banque Centrale.

**SECTION III : OPERATIONS ET SERVICES DE MICRO FINANCE**

**Article 17 : Collecte de dépôts**

Les institutions de micro finance sont autorisées, dans les limites fixées par la présente loi, à effectuer les activités de collecte de dépôts ou d'octroi des crédits.

Par collecte de dépôts, il faut entendre la collecte des fonds autres que les parts sociales et les cotisations ou contributions obligatoires recueillies par l'institution auprès de ses membres ou de ses clients matérialisé ou non par des titres, avec le droit d'en disposer dans le cadre de son activité, et à charge pour elle de les restituer à la demande des membres ou clients.

### **Ingingo ya 18: Gutanga inguzanyo**

Igikorwa cyo gutanga inguzanyo kigizwe n'igikorwa icyo ari cyo cyose cy'ikigo cy'imari giha amafaranga umwe mu bakigize cyangwa undi muntu cyangwa kimusezeranya kuzayamuha. Bifatwa nk'igikorwa cy'inguzanyo, amafaranga atangwa ku igurisha ku mwenda, ku nguzanyo y'ikodeshagurishwa, gikoreye umwe mu bakigize, itsinda cyangwa umukiriya, gisinyira inshingano nko mu buryo bwo kumwishingira kumutangira ingwate n'ubundi buryo ubwo ari bwo bwose.

### **Ingingo ya 19: Imirimo ikorerwa rubanda n'ibigendana nayo**

Ibigo by'imari iciriritse byemerewe bishobora gukora ibikorwa n'imirimo bikurikira byemewe na Banki Nkuru:

1. gutanga serivisi zihemberwa zo gutanga inama n'amahugurwa ku babigize no ku bakiriya babwo ;
2. ibikorwa by'ubwishingizi buciriritse ;
3. ibikorwa byo guhererekanya amafaranga, bikorerwa abakiriya, bikoze mu rwego rw'ikigo kimwe cyangwa mu rw'uruhererekane rw'ibigo ;
4. ibikorwa byo guherakenya hanze n'amabanki cyangwa ibindi bigo by'imari byemerewe amafaranga adatanze mu amafaranga y'amahanga.
5. kugura no kugurisha amafaranga y'amahanga ;

### **Article 18: Granting credit**

An operation of granting credit constitutes any activity of a micro finance institution that grants funds one of its members or any other party or which promises to place funds at the disposal of a member or a third party. It shall be considered as a credit operation, any installment sale, lease, or act by which a micro finance institution takes in the interest of a member, group or client, a signed commitment such a bill guarantee, surety or any other guarantee.

### **Article 19: Similar activities and services to the public**

Authorised micro finance institutions may perform the following activities and services accepted by the Central Bank:

1. delivery of remunerated services providing advice and training to members or clients;
2. micro insurance operations;
3. transfer of funds operations for client accounts made within the same institution or network;
4. external transfer of funds operations, not denominated in foreign currency, with banks and other registered financial institutions;
5. purchase and sale of currencies;

### **Article 18 : Octroi des crédits**

Constitue une opération de crédit, tout acte par lequel une institution de micro finance met ou promet de mettre des fonds à la disposition d'un membre ou d'un tiers. Est assimilée à une opération de crédit, un financement de vente à crédit et de crédit-bail, ou tout acte par lequel une institution de micro finance prend, dans l'intérêt d'un membre, d'un groupe ou d'un client, un engagement par signature, tel qu'un aval, une caution ou toute autre garantie.

### **Article 19 : Activités et services connexes**

Les institutions de micro finance agréées peuvent, sur autorisation préalable de la Banque Centrale, effectuer les opérations et services suivants:

1. la prestation des services rémunérés de conseils et de formation à leurs membres ou clients;
2. les opérations de micro assurance;
3. les opérations de virement de fonds, pour le compte de la clientèle, effectuées au sein d'une même institution ou d'un même réseau ;
4. les opérations de virements de fonds externes, non libellées en devises, avec les banques et les autres institutions financières agréées;
5. l'achat et la vente de devises;



6. indi mirimo yemewe na Banki Nkuru. 6. any other activity as defined by the Central Bank. 6. toute autre activité reconnue par la Banque Centrale.

**ICYICIRO CYA IV: IMIYOBORERE Y'INZEGO Z'IMARI ICIRITSE**

**SECTION IV: GOVERNANCE OF MICRO FINANCE INSTITUTIONS**

**SECTION IV: GOUVERNANCE DES INSTITUTIONS DE MICRO FINANCE**

**Ingingo ya 20: Amategeko y'imiyoborerere myiza**

**Article 20: Good governance norms**

**Article 20: Normes de bonne gouvernance**

Inama y'Ubuyobozi y'ikigo cy'imari iciriritse cyangwa urundi rwego rukora mu mwanya wayo ifite inshingano yo kubahiriza amategeko y'imiyoborerere myiza y'ikigo cy'imari iciriritse.

The Board of Directors of a micro finance institution or the organization acting on its behalf shall have the responsibility to guarantee that norms of good governance are observed.

Le Conseil d'Administration d'une institution de micro finance ou l'organe qui en tient lieu est le garant du respect des normes de bonne gouvernance.

Banki Nkuru ikoresheje uburyo bw'amabwiriza, ishobora guha ibigo by'imari iciriritse amategeko y'imiyoborerere myiza.

The Central Bank shall determine, by regulation, the norms of good governance that must be observed by micro finance institutions.

La Banque Centrale peut préciser, par règlement, les normes de bonne gouvernance que doivent respecter les institutions de micro finance.

**Ingingo ya 21: Kwemererwa kw'abagize Inama y'Ubuyobozi n'Ubuyobozi**

**Article 21: Approval of members of the Board of Directors and management**

**Article 21: Agrément des membres du Conseil d'Administration et de la direction**

Abagize Inama y'Ubuyobozi bw'ikigo cy'imari iciriritse cyangwa urundi rwego rukora mu mwanya wayo, kimwe n'abagize ubuyobozi bagomba kuba ari inyangamugayo, bafite ubushobozi kandi bakemerwa na Banki Nkuru mbere y'uko batangira imirimo yabo.

The members of the Board of Directors of a micro finance institution or an organization operating on its behalf, as well as the members of management who shall be honest, must receive prior approval from the Central Bank before any activities are exercised by the institutions.

Les membres du Conseil d'Administration d'une institution de micro finance ou de l'organe qui en tient lieu, ainsi que les membres de la direction doivent être intègres et compétents et préalablement agréés par la Banque Centrale avant l'exercice de toute activité au sein de l'institution.

**Ingingo ya 22: Ibyangombwa kugira ngo umuntu agire umurimo akora mu rwego rw'imari iciriritse**

**Article 22: Requirements to perform an activity within a micro finance institution**

**Article 22: Conditions pour exercer une activité au sein d'une institution de micro finance**

Ntawe ushobora kugira umurimo uwo ari wo wose akora haba mu rwego rwo gutegeka, kuyobora, gucunga cyangwa kugenzura ikigo cy'imari iciriritse iyo :

No person shall exercise any activity whether in administration, direction, management or supervision of a microfinance institution in case:

Nul ne peut exercer, à quelque titre que ce soit, une fonction d'administrer, diriger, gérer ou contrôler une institution de micro finance lorsque :

1° yakatiwe igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6)nta subikagihano;

1° he or she was sentenced to a imprisonment equal to or exceeding six(6) months without its suspension;

1° il a subi une condamnation d'un emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois sans sursis ;

2° yarahombye ku giti cye haba mu mahanga cyangwa mu Rwanda ;

2° he or she was declared insolvent either a broad or in Rwanda;

2° il a été déclaré personnellement en faillite au Rwanda ou à l'étranger ;

3° yarahombye ikigo cy'imari iciriritse cyangwa isosiyete y'ubucuruzi iyo ari yo yose.

3° he or she led to bankruptcy of a microfinance institution or any company.

3° il a été impliqué dans la faillite d'une institution de micro finance ou de toute autre société commerciale.

**Ingingo ya 23: Ibyaha bituma umuntu atagira umurimo akora mu rwego rw'imari iciriritse**

**Article 23: Offences which prevent the exercise of an activity within a micro finance institution**

**Article 23 : Infractions empêchant l'exercice d'une activité au sein d'une institution de micro finance**

Umuntu wese wahamwe na kimwe mu byaha bikurikira ntashobora kuyobora, gucunga cyangwa kugenzura imirimo y'imari iciriritse:

Any person convicted of the following infractions shall not direct, administer, manage or supervise activities of a microfinance institution:

Toute personne ayant été reconnue coupable de l'une des infractions suivantes ne peut administrer, diriger, gérer ou contrôler une institution de micro finance :

1. kwigana inoti za banki cyangwa ibiceri, guhindura inyandiko za Leta zivunjwa amafaranga, izigurizwaho amafaranga, izigaragaza inyungu cyangwa gukoresha izo nyandiko z'inyiganano cyangwa z'impimbano kimwe no kwigana amakashi, amatembure, ingano n'ibyapa;
2. iyezandonke;
3. guhimba impapuro no gukoresha impapuro mpimbano;
4. icyaha cyerekeye amategeko n'amabwiriza ku bucuruzi bwo hanze n'ivunjisha;
5. gutanga, kwakira ruswa no kugurwa ku bakozi ba Leta;
6. kwiba, kwambura, kurigisa, guhemuka,

1. counterfeiting or falsification of bank notes, coinage, government securities, bonds, interest coupons or the use of such counterfeit or falsified securities, or seals, stamps, punches or marks;
2. money laundering;
3. falsifying and using falsified documents;
4. infringement of laws or regulations regarding foreign trade or exchange;
5. corruption or extortion of a public official;
6. theft, extortion, embezzlement, abuse of

1. contrefaçon ou falsification de billets de banque ou pièces de monnaie, effets publics, obligations, coupons d'intérêts ou utilisation de ces valeurs contrefaites ou falsifiées, ainsi que de sceaux, timbres, poinçons ou marques ;
2. blanchiment des capitaux ;
3. faux ou usage de faux en écriture ;
4. infraction à la législation ou à la réglementation en matière de commerce extérieur et de change ;
5. corruption de fonctionnaire public ou concussion ;
6. vol, extorsion, détournement, abus de

- gushukana kugira ngo wambure, guhishira undi ibyibano;
7. gukoresha inyandiko z'ubucuru zitataho cyangwa guca ku mategeko yerekeye kuzigamira amashaki cyangwa ubundi buryo bwo kwishyurana;
  8. kubeshya ko wahombye n'ibindi biteye nka byo;
  9. kurigisa imisoro;
  10. gukora icyaha cy'ubugome byerekeranye n'ubukungu n'umari;
  11. gukora icyaha cyibasiye inyokomuntu;
  12. icyaha cya jenocide;
  13. icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenocide;
  14. iterabwoba;
  15. ikindi cyaha cyose cyatuma yamburwa uburenganzira.

- trust, swindling or receiving of stolen goods;
7. circulation of false commercial instruments or infringement of provisions regarding checks without funds or other means of payment;
  8. fraudulent bankruptcy or any related infringement of the law;
  9. tax fraud;
  10. economic or financial crimes;
  11. crimes against humanity;
  12. genocide;
  13. genocide ideology;
  14. terrorism;
  15. any other crime causing civil rights to be revoked.

- confiance, escroquerie ou recel ;
7. circulation fictive d'effets de commerce ou infraction aux dispositions relatives aux chèques sans provision ou autres moyens de paiement ;
  8. banqueroute frauduleuse ou infraction y assimilée ;
  9. fraude fiscale ;
  10. crimes économiques et financiers ;
  11. crime contre l'humanité ;
  12. crime de génocide ;
  13. crime d'idéologie du génocide ;
  14. terrorisme ;
  15. tout autre crime pour lequel les droits civiques lui ont été retirés.

**Ingingo ya 24: Ikomatanywa ry'imirimo mu rwego rw'imari iciriritse**

Nta wemerewe gufatanya ubuyobozi bwa :

1. ibigo by'imari iciriritse birenze kimwe;
2. ikigo cy'imari iciriritse n'ubw'ikindi kigo icyo ari cyo cyose.

**Article 24: Plurality of functions within a micro finance institution**

No person shall simultaneously be a director of:

1. more than one micro finance institution;
2. a micro finance institution and of any other enterprise.

**Article 24 : Cumul des fonctions au sein d'une institution de micro finance**

Nul ne peut simultanément être dirigeant de :

1. plus d'une institution de micro finance ;
2. une institution de micro finance et toute autre entreprise.

Ibiteganywa n'igika cya mbere cy'iyi ngingo ntibireba ibigo biri mu itsinda rimwe ry'imari.

Provisions of the first Paragraph of this Article shall not apply to institutions that are in the same financial group.

Les dispositions de l'alinéa premier du présent article ne s'appliquent pas pour les institutions faisant partie d'un même groupe financier.

**Ingingo ya 25: Gutanga dosiye z'abayobozi n'ibizigize**

Ikigo cyose cy'imari iciriritse cyemerewe kigomba

**Article 25: Submission of directors' files and their contents**

Every registered micro finance institution shall

**Article 25 : Soumission des dossiers des dirigeants et leur contenu**

Toute institution de micro finance agréée doit

buri gihe kugeza kuri Banki Nkuru amadosiye y'abantu bakora ku cyicaro cyacyo, mu mashami cyangwa mu bigo-ngereka byacyo imirimo y'ubutegetsi, iy'ubuyobozi, iy'ubucungamutungo cyangwa iy'ubugenzuzi. Ibikubiye mu idosiye bisobanurwa mu mabwiriza nyunganirategako.

**ICYICIRO CYA V: AMATEGEKO Y'IMICUNGIRE MU BUSHISHOZI AREBA INZEGO Z'IMARI ICIRITSE ZEMERWE GUKORA**

**Akiciro ka mbere:** Amafaranga yo gukoresha, imari bwite, inguzanyo zitangwa n'inyungu ku nguzanyo

**Ingingo ya 26: Igipimo cy'amafaranga ahari yahita yishyurwa**

Ikigo cyose cy'imari iciriritse kigomba buri gihe kuba gifite igipimo cy'amafaranga ahari yahita yishyurwa kitagibwa muni kigizwe kandi kingana n'ibigenwa n'amabwiriza nyunganirategako ya Banki Nkuru.

**Ingingo ya 27: Igipimo cy'ubushobozi bw'ubwishyu**

Ikigo cyose cy'imari iciriritse cyemerewe kigomba buri gihe kuba gifite igipimo cy'ubushobozi bwo kwishyura kiri hejuru y'umubare ugenwa mu mabwiriza nyunganirategako ya Banki Nkuru.

always submit to the Central Bank files of persons who exercise administration, management or audit functions at its main office, branch offices or at its agencies. The contents of the files shall be specified by regulation.

**SECTION V: PRUDENTIAL RULES OF MANAGEMENT OF REGISTERED MICRO FINANCE INSTITUTIONS**

**Sub Section One:** Cash resources, capital, credit and interest rates

**Article 26: Cash ratio**

Every micro finance institution must maintain at all times a minimum cash ratio as composed of and calculated in accordance with the Central Bank regulations.

**Article 27: Solvency ratio**

Every licensed micro finance institution shall always maintain a solvency ratio above the threshold set by Central Bank regulations.

déposer et tenir à jour auprès de la Banque Centrale les dossiers des personnes exerçant en son siège, dans ses succursales ou agences, les fonctions d'administration, de direction, de gestion ou de contrôle. Le contenu du dossier est précisé par voie de règlement.

**SECTION V: REGLES DE GESTION PRUDENTIELLES DES INSTITUTIONS DE MICRO FINANCE AGREEES**

**Sous - section première :** Liquidités, fonds propres, crédit et taux d'intérêt

**Article 26 : Ratio de liquidité**

Toute institution de micro finance agréée doit maintenir en tout temps un ratio de liquidité minimum, dont la composition et l'importance sont déterminées par règlement de la Banque Centrale.

**Article 27 : Ratio de solvabilité**

Toute institution de micro finance agréée doit maintenir en tout temps un ratio de solvabilité supérieur à un seuil fixé par règlement de la Banque Centrale.



**Ingingo ya 28: Icyegeranyo cy'inzungu ku nguzanyo**

Ikigo cyose cy'imari iciriritse gitegetswe kugira icyegeranyo cy'ibipimo by'inzungu bituma gishobora kwishyura amafaranga agenda mu bikorwa, harimo ahwanye n'imari shingiro n'ibihombo ku myenda bitanga, no gutuma imirimo yabyo ikomeza kugenda neza.

**Ingingo ya 29: Ibyangombwa mu itangwa ry'inguzanyo n'inshingano yo kwishyurwa**

Mu gihe cyo gutanga inguzanyo, ikigo cyose cy'imari iciriritse cyemerewe gitegetswe kumvikana n'uyihabwa ku bigendana na yo birimo nk'inshingano y'uyihawe yo kwishyura inguzanyo ahawe n'iyi kwishyura inyungu igenwa hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 28.

Ikigo cy'imari iciriritse cyemerewe kigomba, iyo ari ngombwa, gukora ibishoboka byose kugira ngo uwahawe inguzanyo yuzuze inshingano zivugwa muri iyi ngingo. Kigomba no gukora ibishoboka byose ngo uwagurijwe yishyure amafaranga yemerewe arenze ayo afite kuri konti cyangwa yoroherejwe gufata mu isanduku y'ikigo iyo byabayeho.

**Ingingo ya 30: Umwihariko ku nzego z'imari iciriritse zo mu cyiciro cya kabiri**

Ibigo by'imari iciriritse byo mu cyiciro cya kabiri bigomba gushyira ingufu mu kubahiriza amategeko

**Article 28: Interest rate structure**

Every licensed micro finance institution shall be obliged to adopt an interest rate structure that will allow it to recover its operating expenses, including the cost of capital and losses on loans to ensure the stability of its activities.

**Article 29: Conditions for credit and obligations for reimbursement**

Every registered micro finance institution shall, when granting a loan, sign a contract with the debtor listing the loan conditions, including in particular the obligation of the debtor to reimburse the loan and to pay interest as set in accordance with Article 28.

Every licensed micro finance institution shall, where applicable, take all appropriate measures to ensure that the debtor observes the obligations enshrined in this article. It shall also take all appropriate measures to ensure reimbursement by a debtor of an overdraft or cash facility, where applicable.

**Article 30: Exceptions applicable to second category micro finance institutions**

Second category micro finance institutions shall make all efforts to meet the prudential norms defined

**Article 28 : Structure de taux d'intérêt**

Toute institution de micro finance agréée est tenue d'adopter une structure de taux d'intérêt qui lui permet de couvrir ses charges d'exploitation, y compris le coût du capital et les pertes sur prêts, et d'assurer la pérennité de ses activités.

**Article 29 : Conditions de crédit et obligation de le rembourser**

Toute institution de micro finance agréée doit, lors de l'octroi d'un crédit, convenir par écrit avec son débiteur des conditions de ce crédit dont notamment l'obligation du débiteur de rembourser le crédit octroyé de même que celle de payer un intérêt déterminé conformément à l'article 28.

Toute institution de micro finance agréée doit, le cas échéant, prendre toute mesure appropriée pour s'assurer du respect par un débiteur de chacune des obligations visées au présent article. Elle doit également prendre toute mesure appropriée pour s'assurer du remboursement par un débiteur d'un découvert ou d'une facilité de caisse, le cas échéant.

**Article 30 : Dérogation applicable aux institutions de micro-finance de deuxième catégorie.**

Les institutions de micro finance de deuxième catégorie doivent s'efforcer de respecter les normes

y'ubushishozi ateganyijwe mu ngingo ya 29 n'iya 30. Iyo bitayubahirije, bigomba kumenyesha Banki Nkuru inzitizi byahuye na zo kimwe n'ingamba zafashwe ngo yubahirizwe.

**Akicro ka 2: Kubangamira igihombo ku nguzanyo no kuzigamira inguzanyo yatinze kwishyurwa**

**Ingingo ya 31: Aho inshingano zitarenga**

Ikigo cy'imari iciriritse cyo mu cyiciro cya kabiri n'icya gatatu ntigishobora kwishingira cyangwa gutanga inguzanyo ku muntu umwe cyangwa ku itsinda ry'abantu rimwe ngo kirenze icyitegerezo ntarengwa kigenwa n'amabwiriza nyunganirategako ya Banki Nkuru.

**Ingingo ya 32: Imicungire y'igihombo cyaturuka ku nguzanyo**

Banki Nkuru ikoresheje amabwiriza nyunganirategako ishyiraho ikindi cyose cyashingirwaho mu micungire y'igihombo cyaturuka ku nguzanyo itangwa n'ikigo cy'imari iciriritse cyemerewe kimwe n'andi mabwiriza yo gushyira mu byiciro no guteganyiriza imyenda abantu bakirimo.

**ICYICIRO CYA VI: INGINGO ZEREKEYE IMARI N'IBARURAMARI**

**Akicro ka mbere: Raporo y'imari**

**Ingingo ya 33: Ibigize raporo y'imari y'umwaka**

Raporo y'imari y'ikigo cyose cy'imari iciriritse

in Articles 29 and 30. In cases of non compliance, they shall inform the Central Bank the difficulties encountered and the measures taken.

**Sub Section 2: Limits on risks incurred and reserves for delinquent loans**

**Article 31: Limits on commitments made**

Second and third category micro finance institution shall not grant securities or loans to one person or a group of persons that exceed the set limit determined by the Central Bank regulations.

**Article 32: Managing loan risk**

The Central Bank shall set by regulation any other criteria necessary for managing loan risks within licensed micro finance institutions as well as rules ranking and providing reserves for loans.

**SECTION VI: FINANCIAL AND ACCOUNTING PROVISIONS**

**Sub Section One: Financial statement**

**Article 33: Composition of financial statements**

The financial statement of any licensed micro

prudentielles définies dans les articles 29 et 30. En cas de non respect, elles doivent communiquer à la Banque Centrale les difficultés rencontrées ainsi que les mesures prises pour les respecter.

**Sous-section 2 : Limites des risques d'engagement et provisions pour créances en souffrance**

**Article 31 : Limite en matière d'engagement**

Une institution de micro finance de deuxième et troisième catégorie ne peut accorder de garanties ou de crédits à une même personne ou à un même groupe de personnes au-delà d'une limite déterminée par règlement de la Banque Centrale.

**Article 32 : Gestion du risque de crédit**

La Banque Centrale fixe, par règlement, tout autre critère pour la gestion du risque de crédit d'une institution de micro finance agréée ainsi que les règles de classement et approvisionnement des créances.

**SECTION VI : DISPOSITIONS FINANCIERES ET COMPTABLES**

**Sous-section première : Etats financiers**

**Article 33 : Composition des états financiers annuels**

Les états financiers de toute institution de micro

ikorwa ku itariki ya 31 Ukuboza buri mwaka, igashyikirizwa Banki Nkuru bitarenze ku itariki ya 30 Mata y'umwaka ukurikira.

Raporo y'imari iba igizwe n'inwandiko zikurikira:

1. bila n'imbonerahamwe y'ibidashyirwa muri bila;
2. inyandiko yerekana imiterere y'inyungu n'igihombo;
3. ibyaba byarakosowe cyangwa se byarahinduwe nyuma yo kwemeza ibyagezweho ku itariki ya 31 Ukuboza;
4. inyandiko yose, icyatangajwe, raporo n'imiterere y'imari y'umugereka byatuma Banki Nkuru ishobora kumva neza imiterere y'imari y'ikigo cy'imari iciriritse.
- 5.

Raporo y'imari igomba kandi kugaragaza ku buryo busobanutse neza ibyangombwa bijyanye n'ibikorwa by'imari iciriritse ndetse n'ibisobanuro, iyo ari ngombwa, ku misaranganyirize y'umutungo ikigo gifite, imyenda, amafaranga yinjije n'ayasohotse mu bikorwa by'imari iciriritse n'ibindi bikorwa by'ikigo.

#### **Ingingo ya 34: Ikorwa ry'ibaruramari**

Ibigo by'imari iciriritse bigomba gukora ibaruramari hakurikiye amahame n'amabwiriza ashyizwaho na Banki Nkuru ikoresheje amabwiriza nyunganira-tegeko. Ibigo-ngereka n'ibigo by'imari iciriritse byo mu cyiciro cya gatanu n'icya kane bifite icyicaro mu mahanga bigomba gukora ibaruramari rigomba

finance institution shall have a closing date of 31<sup>st</sup> December of each year and shall be transmitted to the Central Bank not later than 30<sup>th</sup> April of the following year.

The financial statement is made up of the following documents:

1. balance sheet and all off-balance sheet commitments;
2. statement of income and expenses;
3. any correction or modifications made after closing of the accounts on December 31;
4. any document, declaration, statement or situation attached to the accounts that would better allow the Central Bank to assess the financial situation of the micro finance institution.

The financial statements must distinguish the elements related to micro finance operations and, where applicable, include explanations for allocation of assets, liabilities and expenses between micro finance operations and other operations of the institution.

#### **Article 34: Accounting operations**

Micro finance institutions shall perform accounting operations in accordance with the accounting principles established by the Central Bank regulations. Branch offices and agencies of third and fourth category whose head office is abroad shall do separate accounting operations from those of their

finance agréée sont arrêtés au 31 décembre de chaque année et transmis à la Banque Centrale au plus tard le 30 avril de l'année suivante.

Les états financiers comprennent les documents ci-après :

1. le bilan et les engagements hors bilan;
2. le compte de résultat;
3. les rectifications et modifications éventuelles intervenues après l'arrêt des comptes au 31 décembre;
4. tout document, déclaration, état ou situation annexé aux comptes permettant à la Banque Centrale d'apprécier la situation financière de l'institution de micro finance.

Les états financiers doivent présenter de façon distincte les éléments relatifs aux opérations de micro finance et, le cas échéant, comporter une explication pour la répartition des actifs, des passifs, des revenus et des dépenses entre les opérations de micro finance et les autres opérations de l'institution.

#### **Article 34 : Tenue de la comptabilité**

Les institutions de micro finance agréées doivent tenir leur comptabilité conformément aux principes et règles comptables arrêtés par la Banque Centrale. Les succursales et agences des institutions de micro finance de troisième et quatrième catégorie dont le siège se trouve à l'étranger doivent tenir une



gutandukana n'irya icyicaro gikuru.

head office.

comptabilité distincte de celle de leur siège.

Raporo y'umwaka igomba, igihe bibaye ngombwa, no kwerekana mu buryo butandukanye impano n'inkunga byakiriwe n'umusaruro ubikomokaho. Iyo izo impano n'inkunga bigizwe n'imirimo cyangwa ibintu ikigo cyifashishije mu bikorwa byacyo, raporo y'umwaka igomba kwerekana ikigereranyo cy'amafaranga yari kuba yarasohotse icyo bitaza kubaho.

The annual financial statement shall, where necessary, specifically identify the donations and grants received and any resulting income donations and grants consisting of services or goods that the institution uses in the course of its operations, the financial statements must indicate an estimate of the additional expenses that would be incurred in their absence

Les états financiers doivent, le cas échéant, présenter aussi de façon distincte les dons et subventions reçus et les revenus qui en proviennent. Si ces dons et subventions consistent en services ou biens que l'institution utilise dans le cours de ses opérations, les états financiers doivent présenter une estimation de la dépense supplémentaire que devrait encourir l'institution en leur absence.

#### **Ingingo ya 35: Gutanga ibaruramari**

Ikigo cyose cy'imari iciriritse cyemerewe kigomba gushyikiriza Banki Nkuru raporo y'imari n'inwandiko zigenwa n'amabwiriza nyunganirategako ya Banki Nkuru, hakurikijwe imbonerahamwe n'inshuro zisobanuwe muri ayo mabwiriza.

#### **Article 35: Transmitting financial statements**

Every registered micro finance institution shall transmit to the Central Bank all financial statements and documents set by Central Bank regulations, in accordance with the models and periodicity specified in such regulations.

#### **Article 35 : Transmission des états financiers**

Toute institution de micro finance agréée doit transmettre à la Banque Centrale tous états et documents déterminés par règlement de cette dernière, selon un modèle de présentation et la fréquence précisée dans ce règlement.

Kigomba kandi kumenyesha Banki Nkuru amakuru ya ngombwa ngo ibashe kubona neza imiterere y'imari yacyo n'ayo ishobora gusaba igihe icyo ari cyo cyose igamije kubungabunga uburyo iby'imari n'ubw'iby'amabanki bikorwamo muri rusange.

Micro finance institutions shall also transmit to the Central Bank all information required to assess their financial situation and which the Central Bank may require at any time in order to safeguard the overall financial and banking system.

Elle doit également communiquer à la Banque Centrale toute information nécessaire à l'appréciation de sa situation financière et qu'elle peut requérir à tout moment dans le souci de protection du système financier et bancaire dans son ensemble.

#### **Ingingo ya 36: Iyemezwa ry'ibaruramari n'umugenzuzi uturutse hanze**

